

## ***GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA***

**ICYUMWERU CYA 3- IMINSI 100 Y'AMASENGESHO**

**10-16 MATA 2020**

### ***”IGITANGAZA UTAKEKAGA”***

**Byateguwe na James L. Black,SR**

“Waba warigeze ubona nta rimwe ikintu gisa nk’iki? Iki ni ikibazo Abantu bahuriraho iyo Abantu bahamya ikintu batigeze babona mu mibereho yabo na mbere, nta gushidikanya Ijambo “ COVID-19 hari igihe rizamanuka mu mateka nka kimwe mu byorezo bikomeye byabayeho ku isi.

Biratangaje cyane kubona Ubuzima bushobora kuhinduka mu buryo bwihuse mu ijoro rimwe. Ijambo ry’Imana ritwibutsa neza ko hazabaho ibyorezo, kandi ko tugomba kwitegura kandi tukisunga Nyagasani. Iki cyorezo cy’isi yose cyahungabaniye ubukungu, kirenga urugero abaganga bavuriragaho, gishyira Abantu mu bukene bukabije, bamwe batari mu miryango yabo, abari bafite akazi karahagarara, bamwe baguma mu burwayi buhoraho, kandi ni koko cyahitanye Ubuzima bw’abantu ibihumbi n’ibihumbi.

Abantu benshi bari gusaba ngo Imana ibakorere igitangaza, Abandi bari gusaba Imana ngo ibahindurire igihe barimo no kugira ngo ibarinde iki cyorezo cyica. Ariko ikibazo ni iki? Twiteguye ibitangaza Imana ikora?

Sinshidikanya ko Imana yumva kandi ko igenderera umuntu wese uyisaba. Mu gihe Imana itugeraho mu buryo butandukanye no mu gihe cyayo yagennye, aya masezerano atuma tugira ibyiringiro bishyitse.” Nta muntu n’umwe warinda kuguhagarara imbere iminsi yose yo kubaho kwawe. Nk’uko nabanaga na Mose niko nzabana nawe, sinzagusiga kandi sinzaguhana” (Yosuwa 1:5) kandi “Maze ubwo bazaba batarantabaza, nzabatabara kandi bakivuga nzumva”. (Yesaya 65:24).

Imyaka myinshi ishize nagize uburwayi bw’indwara yo mu misokoro wo mu magufa, yitwa “ Miyerodisulasitike (Myelodysplastic Syndrome= MDs), byatumye insoro zitukura zigabanuka, igihe iyi ndwara itavuwe bituma iyi Miyerodisulasitike (Myelodysplastic Syndrome= MDs), itera Kanseri yo mu maraso cyangwa Umuntu agapfa. Nari maze kugera ku rwego rwa kane rw’iyi ndwara, icyizere nari nsigaranye gusa kwari ugusimbuza umusokoro urwaye bagashyiramo undi musokoro mushya wo mu magufa, Abantu benshi hirya no hino ku isi baransabiraga ngo mbashe kubaho kandi naje kubona agahe mu gihe nari nacitse intege cyane naje gusenga jye ubwanje. Ni ukuri koko nshobora guhamya ko Imana yaje kuntabara, ariko mu buryo nta kekaga, kuko ibitangaza by’Imana ni iby’iteka ryose.

Hari ibintu bitatu byambayeho bivuye ku Mana mu buryo butigeze kubaho mu mibereho yanjye.

Icyamba mbere, bitewe n’ibihe ntashobora kugenzura ubwanjye, gusimbuza umusokoro wo mu magufa byaratinze bifata Igihe cy’amezi icyenda. Nubwo indwara yanjye yari igeze ku rwego rwa kane, uku gukererwa kwatanze amahirwe ku buvuzi kamere bw’impagarike yose bwatumye Umubiri wanjye ukomera ugira imbaraga kandi bituma nitegura neza icyo gikorwa cyo kuzasimbura umusokoro wo mu magufa.

Icyo kabiri, jye n’umukobwa wanjye (wari kumpa utwo turemangingo) twabashije gushyikirana mbere y’uko icyo gikorwa kiba byatumye tugirana ibihe byiza byo kubabarira.

Icyo gatatu, ni icyo byakoze kuri jye n’umugore wanjye, bwa mbere mu gushakana kwacu, ni ubwa mbere nari ngaramye ku buriri mu bitaro ndwaye indwara iteye ubwoba mbasha kubura Ubuzima, byatumye indwara ikomera, nshyirwa mu kato, n’umunaniro uhoraho, sinashoboraga kwiyuhagira maze mu bihe bitatu cyangwa bine umugore wanjye Maxine byasabaga ko ari we unyuhagira. Bwa mbere nararakaye cyane, ariko mbonye ubwitonzi bwe n’ubushake bwinshi, anyuhagira agahera ku mutwe akageza ku mano nibwo naje kubona ko Imana hari igitangaza iri gutegura cyo kunkiza.

Igitangaza kuri jye kidasanzwe kiboneka muri aya magambo Yesu yavuze” Mu gihe Yesu yabonaga kwizera kwabo, yabwiye uwari uremaye ati:” Muhungu, ibyaha byawe urabibabariwe”, ni Koko, igitangaza mu gihe kidasanzwe cyari gikenewe ni uko Imana yankijije batarasimbura umusokoro wo mu magufa.

Ku bw’ubuntu bw’Imana, nasohotse mu bitaro ndagendagenda nk’ikiremwa gishya muri Kristo no mu by’umwuka nahise nkira, n’indwara z’umubiri zirakira.

Muri iki gihe, ndagusaba twe guhanga amaso yacu kuri COVID-19 gusa, n’ibindi bintu byose warangarira, kandi nka ziriya nshuti enye zazaniye Yesu uriya muntu wari ufite ubumuga, kuraho ibigutandukanya na Yesu, sanga Yesu , kandi ureke akize Ubugingo bwawe.

Ibyo dukwiye kwibaza: Igihe tumenye neza ko ari ubushake bw’Imana bukiza abana bayo, ntituzi neza ubushake bwayo ku byerekeranye n’igihe, kuri bamwe ishobora gufata icyemezo cyo gukiza uwo mwanya Abandi bagakira buhoro buhoro, mu gihe Abandi badashobora no gukira na busa kugeza ubwo Yesu Kristo azagaruka

(Yakobo 5). Mbese twabasha t wizera Imana n’igihe cyayo? Mbese twakomeza kwizera n’igihe twaba tutabonye ibisubizo by’amasengesho yacu? Ni buryo ki twakurira mu kwizera kandi tukizera Imana n’ijambo ryayo?

Ingorane z’ingenzi duhura nazo: Muri iki cyumweru nk’uko tuzakomeza gusengera abarwayi, abaganga babigize umwuga, kandi dusaba Imana guhagarika ikirakwira ry’icyorezo cya Coronavirusi cyoreje isi yose, reka dusabe ko urukundo rw’Imana n’ijambo ryayo byakwira ahantu hose. Reka dufate Bibiriya zacu n’umunezero mwinshi maze dusenge,”Nyagasani, Twereke uburyo bwo kukumenya no kugukunda! Twereke uko twasobanukirwa no gukira haba imbere mu mubiri ndetse n’inyuma, twigishe uburyo bwo kwiga no gusobanukirwa neza Ijambo ryawe, twigishe uburyo twageza Ijambo ryawe kuri bagenzi bacu. Tukimara gusenga reka tuzirikane amagambo ari muri Yesaya 55:8-11, 2Timoteyo 2:15, no mu 1 Petero 3:15.

“Umusore azeza inzira ye ate? Azayejesha kuyitondera nk’uko Ijambo ryawe ritegeka. V.10 Nagushakishije umutima wose, ntukunde ko nyoba ngo ndeke ibyo wategetse v.11 nabikije Ijambo ryawe mu mutima wanjye kugira ngo ntagucumuraho” (Zaburi 119:9-11).

## **Umunsi wa 15; Ku wa gatandatu, 10 Mata 2020**

**Raporo ishimishije:** Biragaragara ko ikirakwira ry’icyorezo rigenda rigabanuka buhoro buhoro, muri Esipanye no mu butariyani. Imana ishimwe kuko hari icyizere cy’uko ubuvuzi bugenda neza.

1. Gusaba Imana guhagarika ikwirakwira ry’icyorezo cya COVID-19 mu bihugu byose byo ku isi bituwe n’abaturage benshi. Musabe Imana ifashe igihugu

cy'ubuhinde, Bangaradeshi, umugabane wa Afurika, n'ibihugu bimwebyo muri Aziya bitangiye guhangana n'imbaraga nyinshi COVID-19.

2. Gusabira abaganga b'abashakashatsi kugira ngo babone umuti wo kuvura Corona virusi mu gihe mutaramenya amezi yo gutegereza ngo urukingo ruboneke.
3. Gusaba ngo Imana irinde abana bayo, abanyantegenke, n'imbabare, abasabwa bose kuguma mu rugo kandi musengere imiryango itabanye neza n'ibayeho mu buryo bugoranye.
4. Gusabira abana batajya ku ishuri, ngo babone ibyo kurya. Banabibona bakabibona rimwe na rimwe.
5. Gusaba ngo Imana itwigishe uburyo bwo kwiga Ijambo ryayo mu buryo bwimbitse no gusangira Ijambo ryayo n'abadukikije ( muri iki gihe tuba mu rugo kereka Gukoresha ikoranabuhanga, nka terefone, interinete...)
6. Muri iki gihe twibuka ku nshuro ya 26 genocide yakorewe abatutsi, gusengera abarokotse genocide yakorewe abatutsi mu gihugu cy'u Rwanda.

## **Umunsi WA 16: Ku isabato, 11 Mata 2020**

### **Twigishe gusenga!**

“Ntabaza ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije utamenya.” Yeremiya 33:3

“Tugeze mu bihe biruhije, mu bihe iyi si yacu ihamagarira buri muyoboke wese wa Kristo kurushaho kurana umushyikirano usesuye n'Imana, kurushaho gukomeza uyu mushyikirano, no kunyurwa, n'ibyo dukeneye mu bya mwuka, tugomba gusonanukirwa n'imbaraga iboneka mu gusenga, tugomba gusaba Umwami, nk'uko Abigishwa bo mu gihe cya kera, bavugaga ngo” Mwami ,twigishe gusenga”

(Gusenga, P.1)

## **Ibibazo byo kuzirikana:**

Ushobora kuba uri umwe mu bari mu masengesho y'iminsi ijana, ushobora kuba uri mu itsinda risenga ryo mu muryango, ariko ukaba utarigeze usobanukirwa neza no gusenga? waba warigeze utakamba nk'uko abigishwa batakambiye Yesu bati:" Mwami, twigishe gusenga?" niba utarigeze ukora utya, ni kuki utasaba umwami muri iki gihe," ngo uvuge uti:" Mwami twigishe gusenga"

**Raporo ishimishije:** Nubwo INDIYAPOLISI Yasheshe amavuna afite imbaraga yagombaga kubanziriza inama z'inteko rusange, muri iki gihe Yohana Buradisho (John Bradshaw) arateganya gukora amavuna anyuranye akoresheje ikoranabuhanga twizera ko hari benshi bazayakurikira kandi ubutumwa bukabahindura, na none Igihe umwanzi atuzanira ikibi, Imana yo ituzanira ibyiza"

1. Gusaba ngo twe nk'itorero dusabe Imana idusukire Mwuka wera kandi itwigishe gusenga ku buryo tuzabona ibisubizo.
2. Gusabira abari gukora ivugabutumwa hakoreshejwe ikoranabuhanga azayoborwa na Yohani Buradishowu kandi uyasengere nayo "Handitswe ngo nayo irateganya irateganya amavuna" usabe kugira ngo hazaboneke umusaruro mwinshi wabiyegurira Kristo.
3. Gusabira, Abayobozi b'igihugu cyacu cy'u Rwanda, abaganga babigize umwuga, abaforomo, abashinzwe umutekano, n'ibitaro bya Kanyinya bari guharanira ko abamaze gufatwa na CORONAVIRASI bakira. Gusaba Imana ngo babone ibikenewe byose kugira ngo bagere ku ntego zabo.
4. Gusabira Abantu bose kugira ngo bumve neza gahunda ya guma mu rugo, kwambara agapfuka-munwa, kubahiriza amabwiriza y'ibisabwa, no Gusaba

Imana ngo itange ibitanda bihagije, ibitanga-muyaga, n'ibindi bituma Ubuzima bugenda neza.

5. Gusabira umurimo w'Abashinwa mu mujyi wa Cebu muri Filipine. Gusaba ngo Imana ibatsindire Coronavirusi, irinde Itorero kandi abashinwa benshi babashe kumenya ukuri kw'ibyanditswe.

## **Umunsi wa 17: Kuwa mbere w'isabato, 12 Mata 2020**

### **Intsinzi zihambaye**

“Kandi unyambaze ku munsi w'amakuba no kuw'ibyago, nzagukiza nawe uzanshimisha” Zaburi 50:15

Intsinzi zihambaye zigezweho, igihe ukoze umurimo w'Imana ntabwo ari wowe zikomotseho, cyangwa ku bushobozi buhambaye ufite, kuba uzwi na benshi, kuba ufite ubushobozi buhagije, izo ntsinzi zigerwaho biturutse ku mushyikirano wawe n'Imana, iyo ubyitayeho, ukabababara uzira kwizera, Abantu bakomeza kwishingikiriza ku kaboko k'imbaraga y'isumba byose. “Gospel workers, p.259

1. Gusaba ko ubutumwa bwiza bw'ibyiringiro bukomeza gutangarizwa abatuye umujyi wa Tuwomba muri Kwinizirandi muri Ositaraliya. Gusengera abizera b'itorero muri Ositaraliya kugira ngo babashe gukomeza kubera Urugero rwiza ababakikije.
2. Gusabira ababwirirshabutumwa ibitabo bo ku isi yose batari kubasha kugera ku rugo ku rundi. Gusaba Imana ngo ibashakire ubundi buryo bwo kugeza ubutumwa bw'ukuri ku Bantu no kubasabira kugira ngo Imana ibahe ibyo bakeneye.

3. Gusengera ibitaro byo mu Leta zunze ubumwe za Amerika bateganya guhura n'icyumweru kigoranye mu guhangana n' icyorezo cya COVID - 19. Musabe ubutabazi bw'Imana.
4. Gusabira Abayobozi, abadafite ubudahangarwa bw'umubiri, n'abandi babsha gufatwa n'uburwayi byoroshye bo mu Itorero ubarizwamo, Saba ngo Imana ibagoteshe ikiganza cyayo, ubashyire mu burinzi bwayo.
5. Gusengera abamaze kubura inshuti zabo bakundaga bitewe na Coronavirusi, ubasabire gukomera no kwongererwa imbaraga zikomoka ku Mana.

## **Umunsi wa 18: kuwa kabiri w'isabato 13 Mata 2020**

### **Kureba hirya y'ibigaragara.**

“Yesu aramubwira ati:”Wijejwe nuko umbonye, hahirwa abizeye batambonye”  
Yohana 20:29

“Akenshi ubuzima bwa gikristo bwugarizwa n'akaga, ndetse inshingano zisa n'izigoye gukorwa. Ibyo batekereza bikayoyoka mbere, bakaba mu bucakara bw'ikibi kiberekeza no ku rupfu. Nyamara ijwi ry'Imana rivuga neza riti:” Komeza ujye mbere”. Reka twumvire itegeko, nubwo amaso yacu adashobora kwinjira mu mwijima utugose, Inzitizi zatubuza kujya mbere mu bya mwuka ntizijya zibura Igihe cyose dufite gushidikanya mu by'umwuka. Abatumvira kugeza igihe ibintu byose bidashidikanywaho bizashira, kandi bakabona ko nta kibazo cyo gutsindwa, ntibazigera bumvira. Kwizera iyo kurenze ingorane, kandi kukagumya kutagaragara, ndetse ishobora byose, kubw'ibyo ntishobora gutangara. Kwizera ni ugufata ukuboko kwa Kristo mu bihe byose byihutirwa. ” Abakozi b'Ivanjili, p. 262



## **Ibibazo byo kuzirikana**

Biroroshye kwizera ibyo tubona, ariko se bite n'ibintu tudashobora kubona? Ni ubuhe buryo dushobora gukura mu kwizera Ijambo ry'Imana, nubwo tutarabona isohozwa ryayo? Tubwirwa ko Kwizera ari impano. Dushingiye ku Befeso 2: 8 n'Ibyakozwe 3:16,

## **iyi mpano itangaje tuyikura he?**

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Muri Papuwa muri Gineya nshya, Abavugabutumwa, Abapasitori, n'abavugabutumwa b'abalayiki ntibashobora kongera kujya mu kindi gihugu. Kubera ko COVID-19 babujijwe ingendo, nyamara mbere hari hateganije ivugabutumwa rya TMI muri Gicurasi. Ariko, abaturage bo muri Papuwa muri Gineya nshya bari bamaze guteranira hamwe muri uyu mwaka ushize biga ibyigisho bya Bibiriya, kandi batangiza amateraniro menshi y'ivugabutumwa yari ayobowe n'abavugabutumwa b'abarayiki n'abapasitoro. Kandi bateguraga andi mavuna y'ivugabutumwa yagombaga kuzakorwa ari uko icyorezo cya COVID-19 kirangiye. Na none, Umwanzi aba yifuza kutuzanira ikibi mu gihe, Imana iba ishaka kutuzanira ibyiza.

1. Gusaba Imana ngo irinde abaturage n'igihugu cya Papuwa muri Gineya nshya kandi unasabe Imana iyobore Abayobozi ba Guverinema mu gufata ibyemezo .n'inzobere z'abaganga mu gihe barwana na COVID-19.

2. Senga kugira ngo Imana igire icyo ikora muri Papuwa, Gineya nshya ibinyujije mu bizera b'itorero ryaho birusheho kugenda neza kuruta gahunda zakozwe mbere. Senga kugira ngo hatabaho intambara z'amoko kuko bateguye gahunda zo gushaka uburyo batera imbere.
3. Sengera abizera bafungiye muri gereza zitandukanye ku isi. Saba Imana ngo ibongere imbaraga zo guhamya imbere ya bagenzi babo bafunzwe muri iki gihe cy'icyorezo.
4. Sengera ikigo gito cy'imigati n' ikigo cya misiyoni y' Jongopingi muri Suwede, kugira ngo kigeze ubutumwa bwiza ku bantu benshi, kugira ngo benshi bamenye Yesu kandi bamwakire nk'Umukiza wabo. Senga kugira ngo ibyigisho bya Bibiliya bigere kuri benshi kandi bahinduke.
5. Sengera kandi amatorero yaho muri Suwede, ni mato kandi agizwe ahanini n'abasaza. Senga kugira ngo Imana izane urubyiruko rwinshi mu matorero yo muri Scandinaviya, kandi usabe Imana irinde ayo matorero mato muri iki gihe cy'icyorezo cya COVID-19.

**Umunsi wa 19 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatatu  
w'isabato, 14 Mata 2020**

**Reba kuri Yesu!**

“Uwiteka, mu gitondo uzajya wumva ijwi ryanjye, mu gitondo nzajya nerekeza gusenga kwanjye kuri wowe, mbe maso negereje ” Zab. 5: 3

“Hamagara imbaraga zawe zose kugirango urebe hejuru, ntuhange amaso ku bikurushya; ni bwo utazigera ucogora munzira. Uzahita ubona Yesu inyuma yigicu, arambura ukuboko ngo agufashe; kandi icyo ugomba gukora ni ukumuha ikiganza cyawe mukwizera kworoshye ukamureka akakuyobora. Mugihe uzaba ufite kwizera, kubwo kwizera Yesu uzagira Ibyiringiro bishyitse. Umucyo urabagirana ukomoka ku musaraba w’I Karuvari uzaguhishurira umugambi Imana ifitiye ubugingo, kandi, umaze kwakira Ubugingo bushya, azashaka kugaragariza abatuye isi urumuri. Izina rikomeye mu bagabo ni nk'inyuguti zanditswe mu mucanga, ariko imico itagira inenge izahoraho iteka ryose.”

Ubuhamya, umuzingo. 5, p. 578

## **Ibibazo byo kuzirikana**

Ni ikihe kintu cya mbere ubanza gukora buri gitondo? Ureba amakuru, ureba kuri imeri yawe cyangwa imbuga nkoranyambaga? Utangira gutekereza kubibazo byawe byose? Cyangwa ureba kuri Yesu? Mu gihe umaze gusuzuma ibyo ukora ku muni, fata icyemezo gishya cyo kureba Yesu aho kureba ku ibigeragezo byawe. Reba kuri Yesu Ibyiringiro byawe aho kureba ku by’ isi wumva ko ariho wabonera imbaraga.

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Mu minsi mirongo itatu ishize, umutungo urenga ibihumbi ijana wakuwe kuri [www.revivalandreformation.org](http://www.revivalandreformation.org). Turashimira Umwami ko abantu benshi bamenye ibyo bakeneye mu by’umwuka kandi bagashaka gukura mu rugendo rwabo n’Imana. Turashimira kandi Uwituka ko havutse amatsinda menshi yo gusenga ku isi yose kubera iki kibazo cya COVID-19.

1. Gusabira abizera b'itorero mu Budage, Ubufaransa, Espagne, Ubutaliyani, n'Ububiligi. Ibi bice bishyushye biracyafite ikibazo cyo kugabanya virusi. Sabira abarwayi bakire ndetse n'abantu bagize igihombo.
2. Gusabira abizera b'amatorero mu burasirazuba bwo hagati, cyane cyane muri Irani na Isiraheli. Sengera Abantu bashyizwe mu kato kandi nta bushobozi bwo gukora siporo bafite
3. Gusengera abaturanyi bawe bashobora kuba batazi Yesu. Saba Imana ikwereke uburyo bwo gusangira nabo ibyiringiro biboneka muri Yesu, wenda ukoresheje ivugabutumwa rya "terefone igendanwa" cyangwa ubundi buryo bwifashishwa mu ikoranabuhanga.
4. Gusabira abizera musengana bo mu itorero ryanyu cyangwa umuryango wawe bahanganye n'ikibazo cy'icyorezo cya COVID-19 Saba ngo ukuboko kw'Imana gukiza kube kuri bo.
5. Senga kugirango twese tube ibisonga byizerwa kandi bikiranuka kandi tugarurire Imana icya cumi. Nubwo turi mu ibihe bigoye kandi biruhije kuko Ijambo ry'Imana ritubwira ko abubaha Imana nayo izabubaha (1 Sam 2:30).

## **Umunsi wa 20 - Kwibanda ku masengesho Ku wa gatatu, 15 Mata 2020**

### **Imana ni iyo kwizerwa!**

“Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu, kandi Imana niyo yo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.” 1 Kor. 10:13

“Umwanzi ntiyatinyuka kujya mu musatsi umwe arenze aho yagenwe. Nta bushobozi buri mu mbaraga za satani zose zishobora guhagarika ubugingo bwizera, mu byiringiro byoroshye, mu bwenge bukomoka ku Mana. Kristo ni umunara w'imbaraga zacu, kandi Satani ntashobora kugira imbaraga ku bugingo bugendana n'Imana mu kwicisha bugufi. Mu Isezerano, “Afate imbaraga zanjye, kugira ngo agire amahoro kuri njye; kandi azabana amahoro nanjye. ” Muri Kristo harimo ubufasha butunganye kandi bwuzuye kuri buri bugingo bugeragezwa. Inzira zose ziri mu kaga, ariko isanzure ryose ryo mu ijuru rihagaze ku izamu, kugira ngo hatagira umuntu ugeragezwa n'ibirenze ibyo yabasha kwihanganira. ” Ubuzima bwanjye Uyu muni, p. 316

## **Ibibazo byo kuzirikana**

Urumva urimo ukora ibirenze ibyo ushobora kwihanganira? Imana idusezeranira ko itazaduha ibirenze ibyo dushobora kwihanganira, niba rero wumva bikabije gusaba amasezerano ya 1 Kor. 10:13. Saba amasezerano yo mu Bafilipi 4:13, na Zab. 61: 2. Komerera uyu muni mu masezerano aboneka mu Ijambo ry'Imana.

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Hirya no hino mu Burayi (kandi birashoboka ko ahantu henshi ku isi), urubyiruko rutagize amahirwe yo kujya mu rusengero, rutangiye gukorera mu matsinda yo kwiga Bibiliya kuri interineti. Turashimira Uwiteka iki gikorwa cyiza yakoze cyo gutuma urubyiruko rumumenya binyuze mu Ijambo ryayo!

1. Gusabira urubyiruko rwacu kugira ngo rushishikarire kwiga no gusoma Bibiliya. Senga kugira ngo habeho ububyutse bukomeye mu rubyiruko rwacu.
2. Gusabira urubyiruko rwacu ku isi yose, rwitabira iminsi 100 y'amasengesho ayobowe n'inteko nkuru rusange mu cyiciro cy'urubyiruko n'icyiciro cy'abana bato. Senga kugirango urubyiruko rwacu rusobanukirwe neza ko iyo dusenga Imana yumva kandi isubiza amasengesho dusenga.
3. Sengera abarimu mu gihe baharanira kwigisha amasomo bakoresheje ikoranabuhanga. Senga kugirango Imana ibahe ubwenge bwo kumenya uburyo bwo gukoresha ikoranabuhanga rifitiye akamaro buri wese. Saba Imana ubwenge no kwihangana.
4. Gusabira abavunitse, ababuze vubaha inshuti zabo bakundaga, ndetse sabira abari mu kato kugira ngo bumve ko Imana ibari bugufi.
5. Gusabira abaganga, abaforomo, inzobere mu buzima ngo Imana ibongerere kwihangana mu kurwanya icyorezo cya COVID-19.

**Umunsi wa 21 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatanu  
w'isabato, 16 Mata 2020**

**Reka Tuvuge Kwizera**

“None menye yuko Uwituka akiza uwo yasize, aramusubiza ari mu ijuru rye ryera, azamushubirisha imbaraga zikiza z'ukuboko kwe kw'iburyo, bamwe biringira amagare, Abandi biringira amafarashi ariko twebweho tuzavugaga izina ry'Uwituka Imana yacu” Zab. 20: 6-7

“Fata ijambo rya Kristo nk'icyizere cyawe. Ntiyagutumiye ngo uze aho ari? Ntuzigere wemera kuvuga mu buryo butagira ibyiringiro, ucitse intege. Nubikora uzahomba byinshi. Iyo urebye ibiboneka no kwitotomba iyo ingorane n'ibikurushya bigusakije, utanga igihamya cy' ukwizera kurwaye, kutagira imbaraga. Vuga kandi ukore nkaho kwizera kwawe kudatsindwa. Uwiteka akungahaye ku butunzi; Afite isi. Hanga amaso yawe mu ijuru ufite kwizera. Reba Ufite umucyo n'imbaraga n'ubushobozi.” Imigani ya Kristo, p. 146 mu cyongereza.

### **Ibibazo byo kuzirikana**

Bisobanura iki kuvuga no gukora mu kwizera? Niba kwizera kwacu ari intege nke, twakura dute kwizera gukomeye? (Reba Abaroma 10:17). Sangira n'umuntu uyumunsi uburambe aho Imana yakuze kwizera kwawe, cyangwa ubwire umuntu ubuhamya kubyerekeye isengesho ryashubijwe.

**RAPORO YO GUSHIMIRA:** Turashimira Uwiteka ubutumwa bwiza yaduhaye ku byerekeranye n'ubuzima, budushoboza gukomera mu kurwanya uburwayi n'indwara. Turashimira Uwiteka inzira nyinshi yaduteguriye zidushoboza kugeza ubutumwa bwiza bwo kwitungira amagara mazima ku bandi.

1. Gusaba Imana ngo ikomeze kudufasha kuba abantu bafite kwizera gukomeye, kuko tuzi ibigeragezo bikomeye cyane biri imbere.
2. Gusaba imbaraga ya Mwuka Wera ngo isukwe ku bwoko bw'Imana kugira ngo umurimo urangire dutahe.
3. Gusabira abapasitoro n'abayobozi muri iki gihe cy'icyorezo kugira ngo Imana ibabashishe guhumuriza, gukomeza Abantu.

4. Gusabira Abantu bose kugira ngo babeho mu buryo bugendeye ku mahame y'ubuzima bigishijwe kugira ngo Umubiri ubashe kugira ubudahangarwa bufite imbaraga.
5. Gusaba ngo urukundo rw'Imana rutwuzure, rutume dukunda bagenzi bacu, rushenjagure imitima yacu rutume tugira imitima mishya, kandi dushobore kurusangira n'abadafite ibyiringiro.